



Umujyi muto wa Ngarama uri kuri kilometero zitageze kuri maganabiri uvuye mu murwa mukuru w’Urwanda, Kigali. Ni nko kuri kilometero hafi makumyabiri uvuye ku mupaka w’Urwanda n’Ubugande. Ni umujyi muto ariko ufite bimwe mu bintu by’agaciro ku mateka, kuko ari na ho habarizwa rwa rutare Ngarama yiciyeho Saruhara. Twahabaye iminsi itari myinshi ni na yo mpamvu njya mpakumbura, rimwe na rimwe nkananyarukira yo. Muri iyo minsi twahabaga, impunzi z’imbere mu gihugu zahunze intambara zari zihamaze amezi agera kuri atandatu. Urebye intambara yari igiye kumara imyaka ibiri itangiye. N’ubwo hatari kure cyane y’umupaka w’aho intambara yari yateye ituruka, abaturage bo muri uwo mujyi muto bari batekanye rwose. Njyewe n’umuryango wanjye twari tumaze iminsi mikeya tuhimukiye kuko mbere twabaga i Byumba, ku murwa mukuru wa Perefegitura, aho na bwo twari twarahungiye intambara. Intambara yari yaradusanze aho twabaga mu wundi mujyi muto witwa Rukomo. Ho ni hafi cyane y’umupaka w’Urwanda n’Ubugande. Twe, kimwe n’abandi baturage bo muri Ngarama, twari dufite icyizere cy’uko intambara yari hafi kurangira kuko imishyikirano y’amahoro y’Arusha yari yaratangiye. Ni na yo mpamvu twari twaragarutse muri ako gace, kuko bwari uburyo bwo kwitegura gutaha tugasubira mu byacu i Rukomo.

Ngarama yari ishyushye cyane kubera urujya n’uruza rw’impunzi n’abaturage bari bahatuye. Impunzi zajyaga zinyuzamo zigasubira aho zari zarahunze zituruka, mu rwego rwo kujya gushakisha ibyo kurya. Icyo gikorwa bakitaga *gufuya*, kuko no mu gihe intoki zaho zitabaga ziri kwitabwaho, wasangaga zikomeza kwera. Impunzi zajyagayo ku manywa bukajya kwira zagarutse i Ngarama kuko zatinyaga cyane inyeshyamba.

Tuva i Byumba, nari kumwe na mama, murumana wanjye wa bucura witwaga Kirisi na mushiki wanjye mukuru witwaga Jane. Muri make twari umuryango w’abantu bane, utari kumwe n’umubyeyi w’umugabo kuva intambara igitangira. Papa we yari yarahunze na murumuna wanjye na mushiki wanjye muto.

Njyewe muri icyo minsi nari ndwaye. Aho nabaga ndyamye, nta kindi natekerezaga uretse umwe mu bana b’abahungu twari twaramenyanye igihe twari twarahungiye i Byumba. Yitwaga Janjili ; ari ryo Yohani Yuli mu kinyarwanda. Twari twarahuye umunsi umwe muri ba mama wacu yari yaje kudasura. Icyo gihe twari turi kwa nyogokuru wari utuye hakurya y’i Byumba. Janjili yabaga i Kigali ariko umuryango we wari uturanye no kwa mama wacu uwo. Bari batemberanye rero. Janjili twari twarabaye inshuti ndetse naranamusezeraniye kuzamusura igihe intambara yari kuba icishije make. Nahoraga mbyiteguye ariko intambara igakomeza kuba inzitizi. Kuva navuka, aho nakabereye, numvaga noneho ngomba kugira inshuti. Mbere yo guhura na we nahoraga nigunze.

Ni we nari narahisemo kuko numvaga ntinya abakobwa cyane. Gusa Janjili yari yarambwiye ko afite mushiki we ariko sinari naritaye ku kumubaza uko yitwa ; natinyaga abakobwa koko. Yari yaransezenajije ko nindamuka mbasuye yari kuzanyobora muri byose ari na ko agenda anyigisha ibigendanye n’ubuzima bwo mu muji, kuko kuva namenya ubwenge ntari nagakandagije ikirenge i Kigali. Numvaga ngomba kumusura byanze bikunze. Na mama yari yaranyemereye urwo ruhusa. Iyo haba hatarabayeho igitero cyatumye na Byumba tuyivamo, numvaga bitari kuba byari bigeze icyo gihe ntaragera iwabo wa Janjili.

Mu buriri aho nari ndyamye uwo munsu nari nakomeje gutekereza ku muryango wa Janjili. Nta wundi muntu nari nzi waho uretse we na mushiki. Mushiki we nta kindi kintu nari muziho uretse izina gusa. Kuko nari maze amezi agera kuri abiri ndwariye mu bitaro kandi ntakira, mama yari yarafashe icyemezo cyo kungarura mu rugo ngo abe ariho nkomereza ubwo buzima. Nta cyizere na gito yari afite cy’uko nari kuzakira. Abantu bese batekerezaga ko nzapfa ; bari bategereje ko umunsi wanjye ugera gusa. Nari narananutse guhera ku mutwe kugera ku mano. Nanjye niyumvagamo urupfu koko. Iyo natekerezaga ukuntu ngiye gupfa ntasohojwe isezerano ryanjye na Janjili, numvaga agahinda kanyishe, maze nkasaba Imana nibura ko yandeka nkazapfa maze kongera guhura na we nibura umunota umwe. Nahoraga nibaza uko ababyeyi be bameze, niba bo bataratandukanye kubera

intambara, nkibaza uko abandi bavandimwe be basa, aho babaga uko hari hameze, ariko icyanshenguraga umutima cyane ni isezerano twari twaragiranye. Twari twarasezeranye turanahira ko imishinga yacu yose yagombaga kuba imwe kugeza n'igihe twari kuba twarabaye abasaza. Ibyo byari byarabaye ubwo namwigishaga uko batega ifuku bakoresheje igifuma na we akansezeranya ko azanyigisha koga kuko nari namubwiye ko ntari mbizi icyo gihe.

N'ubwo rwose nari ndembye biteye ubwoba, sinajyaga nibagirwa, n'isogonda na rimwe, ibyerekeye imishinga yanjye na Janjili. Sinari nzi neza ko nzakira kuko igihe cyose bari baransuzumiye ntibari barigeze babona indwara nari ndwaye. Uko bwije n'uko bukeye niko narushagaho kuremba. Nari nsigaye ntanagishobora kugira icyo ntamira, atari uko ntari mbikeneye ahubwo ari uko ntari mbishoboye.

Hagati aho, nta muntu wari uzi icyari kiri mu mutwe wanjye. Mama we yari ameze nk'uwataye umutwe kuko yari asigaye amvugisha nkamwihorera. Yari yaratangiye kuja ambonamo umuntu wiriwe utari buramuke cyangwa uwaramutse utari bwirirwe. Kuri we kari akuka gusa kangaga guhera naho ibindi byari byarangiye kuko nta kintu atari yaragerageje, yewe no kumvuza uburozi. Ibyo kumpeba nabimusomaga mu maso, kuko buri gihe iyo yazaga kundeba yambazaga niba mperuka gusenga, maze nkoresheje umutwe nkabimwemerera n'iyi ntabaga

nabikoze. Ikindi nanjye cyanteraga ubwoba ni uko yari yarategetse mushiki wanjye Jane kuja andirimbira indirimbo y’Imana ngo mu rwego rwo kundema agatima. Ibi byo byatumaga mbabara kurushaho, kuko indirimbo Jane yakundaga kundirimbira nari narayumvise ahantu bari gushyingura nkiri akana gato cyane. Kuyindirimbira rero byatumaga numva ngeze ku marembo y’irimbi. Ariko kuko numvaga byanga bikunda Imana izanyemerera nibura nkapfa mbonanye na Janjili, nabaga nifitiye icyizere gike cyo gukomeza kubaho. Ibyo ni ibyo natekerezaga, byabaga biri kurwanira mu mutima wanjye, ariko nta wundi nabibwiraga.

Umunsi umwe mu gitondo, ubwo abantu bose bari bansize mu rugo nnyenyine, nagize imbeho idasanzwe. Mama yari yagiye ku kazi ke we na Kirisi, naho Jane yagiye kwiga kuko uwo mwaka yiteguraga gukora ikizamini cya Leta. Nagerageje kwipfukapfuka uko mbishoboye ariko imbeho yanga kugabanuka. Natitiraga nk’umuntu waraye hanze. Nashakaga gutabaza ariko imbaraga zikaba nkeya. Nari nacistse intege cyane. Ijwi ryanjye ntirashoboraga kurenga icyumba nari ndyamyemo. Gusa natekerezaga ko wenda hanze ho hari hashyushye, nkashaka kujyayo ariko nkabura uko nabyuka. Icyo gihe numvise ko njiye gupfa noneho nta kabuza. Narababaye ariko mbura uko mbigenza. Icyambabazaga si uko nari ngiye gupfa, ahubwo ni uko nari ngiye gupfa ntongeye kubona Janjili kandi akaba nta muntu wundi wari

uhari nibura ngo ngire icyo mumutumaho. Noneho nari ntangiye kwemera ko abavugaga ko ntazakira babaga bafite ukuri. Gusa muri iyo minsi nanjye numvaga nararambiwe kubaho. Nari nsigaye ndi uwo kurushya abantu gusa kuko ntari ntanagishoboye kwijyana ku musarani, habe yewe n'iyi byabaga ari ukwihagarika gusa. Uwo muni wose nakomeje kugira ibibazo kuko nari nnyenye, maze nko mu ma saa tanu, saasita gutyo, numva ndapfuye koko. Byagaragaraga ko koko birangiye.

Mu kugaruka mu rugo, mama yasanze meze nk'uwapfuye, maze yihutira gushaka muganga. Yari afite ubwoba bwo kunkoraho kuko byasaga nk'aho ibyanjye byarangiye koko. Ariko nyewe aza naramwumvaga, nkabura uko nabigenza ngo mbimwereke. Ibyo yakoraga byose narabirebaga ariko bikaba iby'ubusa, kuko ntashoboraga no kunyeganyeza amaso cyangwa umunwa. Mbere y'uko ajya guhamagara muganga, yabanje kunyitegereza maze ararira cyane ari nako atutubikana. Kuri njye numvaga ndi mu nzira yo gupfa koko, ariko nkaguma kwitekerereza ibya Janjili. Natekerezaga ko na nyuma yo kuba napfuye ntazigera mutererana. Natangiye gutegura uko nari kuzajya musura maze nkamwibutsa byose ndetse n'aho akeneye ubufasha nkabumuha. Numvaga agomba kuzaba umuntu w'umukire kandi ko nagombaga kubimufashamo nk'uko twari twarabyumvikanye. Ubwo nahise nsaba Imana ngo izashyire mu mutima wa mama igitekerezo cyo kuzafata kamwe mu dufoto twanjye akakohereza Janjili

akakabika, kuko numvaga nari kuzajya musura ari ko nyuzeho. Ibi ni byo byonyine numvaga byari kuzampesha amahoro nyuma yo kuva mu buzima kwanjye.

Ubwo nakomeje kwitegereza mama amaso yanjye akanuye kuko kuyabumba cyangwa guhumbya ntabishoboraga. Ni na cyo cyari cyamuteye ubwoba. Yakomeje kuzenga amarira mu maso aho yari apfukamye imbere yanjye. Sinari namenye ko yatumyeho muganga. icyabimbwiye ni uko nakomeje kumva yitonganya cyane ari kwibaza impamvu yari yatinze kumugeraho. Koko rero yari yamutumyeho kuko yatinyaga kunsiga nyenye kandi abona merewe nabi cyane. Ubwo yarahagurutse, ansiga gato cyane asa n'usohoka. Yagarutse afite amazi mu ibasi maze ayansukaho, arangije afata ikiringiti gitose arakinyorosa. Ubwo hashize akanya na Jane arataha. Mama yahise yandika agapapuro maze arakamuha, aramubwira ngo yihute agashyire umubyeyi we wo muri batisimu na we icyo gihe wari umuforomokazi ahongaho i Ngarama.

Hashize akanya katari kanini, mbona Berenadeta, wa muforomokazi arinjiye. Yahise anshyiraho ibiganza maze ariyamirira nk'utangaye, abaza mama ati :

- Wumvise ukuntu umuhungu wawe afite umuriro ?

Mama na we yahise yongera kunkoraho, maze anyeganyeza umutwe we mu buryo bwo kwikiriza. Berenadeta yahise ahindukira, amubaza niba hari ikintu naherukaga gushyira mu nda.



Mama yamusubije ko ntacyo uretse agasupu k'inyanya nari naraye ndiye. Ubwo yahise asaba ko banzanira umutobe usanzwe w'ibitoki kuko ari wo wabonekaga cyane icyo gihe muri ako gace. Bamaze kuwuzana baranyeguye, Berenadeta agerageza kunyiyegamishaho ngo nshobore kuwunywa. Byarananiranye.

Hashize akanya ntibuka uko kangana, muganga ahita ahagera. We sinashoboye kumureba n'amaso yanjye kuko yari yamaze kwifunga, ndi kubona urumuri rutukura gusa. Naramwumvaga ariko. Numvise ababwira ko nari mu minota yanjye ya nyuma ariko ko agiye kugerageza ibishoboka byose ngahembuka. Numvise musetse mu mutima wanjye kuko nabonaga njye ntacyari gisigaye. Bose baracecetse ariko mama we akomeza kurira. Numvaga ari kwivugisha ko iyo mba ntaramukurikiye ngasigarana na papa mu gihe cyo guhunga bitari kuba byagenze gutyo. Byanyumvishije ko yari afite ubwoba bwo kuzamenyesha papa iby'urupfu rwanjye. Numvaga kandi asa n'ufite icyo yishinja. Naramukundaga yari abizi. Nanjye muri uwo mwanya numvise ngize umujinya n'agahinda ko kuba ntari ndi gushobora gutobora ngo mvuge icyari kindi ku mutima ; kuzaha Janjili agafoto kanjye.

Muganga yahise asaba ko bansubiza ku bitaro. Ni Jane mushiki wanjye wagiye ampetse kuko nari nsigaranye ibiro bike cyane. Ntabwo twatinze mu nzira kuko tutari ducumbitse kure y'ibitaro by' i Ngarama. Twageze kwa muganga narushijeho kuremba kuko ntari nkishobora no kwinyagambura na gato. Nta kintu na kimwe

cyo kuri iyi isi nari nkiri kumva. icyizere cyose cyo kubaho cyari kimaze kuyoyoka ku bandebaga. Ubwo nahise nshyirwa aho bashyira abarwayi barembye cyane. Nari njiye kwitabwaho mu buryo budasanze, maze babwira mama na Jane ko bagenda ngasigara nitabwaho n'abaganga gusa. Barasohotse hasigara Berenadeta na wa muganga ariko basezeranya mama ko barakomeza kumugezaho amakuru y'ubuzima bwanjye uko hari kuba hari igihindutse.

Ubwo bakomeje kunyitaho, bantera serumu kuko ari yo nzira yonyine yashobokaga yo kugira ikintu binjiza mu mubiri wanjye. Hashize akanya na byo byananiye kuko nari natangiye gukonja, maze kugira ngo babigereho, bigira inama yo kunshyushya cyane. Amaraso yanjye ashobora kuba yari yatangiye kuvura bitewe na ya mbeho nari nigeze kugira. Sinabona uko nabisobanura kuko ntari umuganga. Hashize akanya koko, narashyushye maze na ya serumu yemera kugenda. Mama kuko yari ahangayitse kurusha undi muntu wese, yari yagumye aho bategereze, naho Jane we yatashye. Yagombaga kujya kureba urugo no kwita kuri Kirisi wari ukiri muto cyane. Mu rugo hari haje abantu benshi mu buryo butunguranye, kuko batekerezaga ko ntari bukiru ngo nsubire mu rugo nkiri muzima.

Uko iminota yagendaga ishira, ni ko narushaga kugenda mpembuka buhoro buhoro. Nyuma y'iminota mike, Berenadeta yarasohotse ajya aho mama yari yicaye. Ubwo yamubwiye ko nari

ntangiye kumera neza, bityo ko yagombaga kurekera aho guhangayika. Mama ntiyamwumvise, ahubwo yarushijeho kugira agahinda maze abwira Berenadeta ko ngo iyo umuntu urembye agiye gupfa, atangira kugaragaza ibimenyetso byo korohereza. Ni ko yari abizi. Kuri we rero yabonaga ahubwo ko nogotse. Ubwo yabwiye Berenadeta ko agiye kwitahira akajya gutangira kwitegura ibigendanye no gushyingura. Berenadeta yaramubujije ahubwo amuguma iruhande, akomeza kumwumvisha ko ibintu biri bugende neza. Mama yakomeje kutamwumva. Aho kugira ngo atuze ahubwo yagize ikiranga kinshi bitewe no guhangayika. Amarira yari yakomeje kwisuka.

Njye aho nari ndyamye, sinari nkiri aho ngaho. Nari maze kujya ahandi hantu. Nari najyanwe mu yindi si itandukanye cyane n'iyi nari nsanzwe nzi. Ibyabera aho hantu nari najyanwe byasaga neza neza n'ibibera ku isi nari nsanzwe nzi ariko bigatandukanira ku kuba byo byari bimeze nk'ibyikora, kandi bikaba vuba cyane. Ibyo akabaro byose nari nabyibagiwe, mbese meze nk'umuntu uri mu nzozi z'ubukwe.

Iyo si yindi nari maze kugeramo yari nziza bihebuje. Hari mu gihugu kinini cyane, kirimo n'abantu benshi kandi gikorwamo ibintu byinshi. Muri abo bantu nabonyemo umwana muto wasaga cyane na Janjili. Nabanje kugira ngo ni we ariko nyuma nza kubona atari kumenya. Nyuma mwigereje cyane, kuko ntamuvanagaho ijisho, mbona ni umukobwa. Twari ahantu heza cyane, hari amazu meza n'imodoka nyinshi. Nahise ntekereza ko hari ho i Kigali n'ubwo ntari nakahageze. Byari bitangaje kandi binashimishije cyane kuko ku nshuro ya mbere nabonye ntangiyeye kuzamuka mu mazu agerekeranye. Hari hameze nk'ikigo cy'ishuri kuko nari narumvise bavugaga ko mu mashuri yisumbuye yo mu Rwanda hari hariho make yubatswe gutyo icyo gihe.

Kuko uwo mukobwa yasaga cyane na Janjili mucuti wanjye, numvaga ankururira kuba namuvugisha maze amatsiko nari mfite agashira. Byari bibaye ubwa mbere numva umwana w'umukobwa

ankurura. Hari mu nzozi ariko ! Nakomeje kwihangana ariko biranga kuko muri izo nzozi numvaga ntakiri muto nka mbere. Naramwegereye noneho na we arabibona ariko mbura icyo navuga. Yarandebye cyane maze mpita ngira isoni, numva icyuya gitangiye kubira. N’ubwoba bwinshi, namubajije niba narashoboraga kumuvugisha. Yansubije ko byashobokaga. Namaze akanya nabuze icyo namuvugisha. Mu mutima wanjye numvaga nishimye ariko kandi ka kantu ko gutinya abakobwa nagiraga akaba ari ko kaganza ibindi byiyumvo byose byari bindimo. Na we nari namutinye !

Ubwo ntaragira ikindi mvuga, yahise antanga maze ambaza niba nari nsanzwe muzi. Ntaragira icyo musubiza, yaranyegereye noneho aranyitegereza, duhuza amaso turatumbirana koko. Nakomeje kumutumbira cyane, na we arantumbira ariko tutavugana. Natangajwe cyane n’ukuntu yasaga cyane na Janjili. Ubwo kwa gutinya kwanjye kwabaye nk’ukugabanuka, numva ntangiye gutuza. Nubwo nari ntujye ariko, nabuze ikintu namubwira. Nabonaga dutandukanye cyane rwose. Na we yarabibonye ko nabaye nk’umutinya maze arambwira ati :

- Nta kibazo rwose, ushobora gutangira kumvugisha. Twebwe abana b’i Kigali nta bwoba tugira nka mwe b’ababanyacyaro. Nitwa Mireye.

Numvise akanyamuneza kaje, ariko isoni ziranyica kuko nabonaga hari abandi bantu bari kutunyuraho buri kanya. Mu gihe ntaragira icyo navuga kindi, yarongeye arandeba, arambaza ati :

- Weho witwa nde ?

Noneho numvise mu mutima hafungutse, maze ndamusubiza nti :

- Fisi, nitwa Fisi.

Yahise akubita agatwenge maze arambaza ati :

- Fisi, ko wakomeje kundeba cyane hari ahantu tuziranye ?  
Cyangwa uranshaka !

Naramusubije nti :

- Oya...ahubwo numvaga, numvaga...

Yahise anca mu ijambo, ambwira ko ntakwiye gukomeza gutinya, cyane cyane ari we ntinya. Yakomeje ambwira ko namubeshyaga, ko ngo hari icyo yabonaga nshaka kumubwira. Ubwo yahise ambwira ko we amenyereye ishuri nari nje kwigaho. Yongera ho ati :

- Njyewe niga mu wa kabiri, mbwira vuba icyo ushaka kumbwira kuko ngiye gusubira nu ishuri.

Namusubije ko njye ndi mushya, ko nari ndi gushaka ishuri nigamo naribuze. Yambajije niba narangije kwiwandikisha ngo kuko ari ko byagombaga kugenda ku munyeshuri mushya wese,